



1. Ni ukubera iki hariho umushinga wo kwungurana ubumenyi no kwigisha urubyiruko mu Rwanda?

Kuva mu myaka itanu ishize, dukora umushinga „Umunyabumenyiringiro ahuye n’ undi“ mu Rwanda. Igihe cyose twahungukiye ubunararibo n’ intsinzi byakomeje bijya imbere. Umugambi wacu wo kwigisha no kwungurana ubumenyi wahawe ibihembo by’ ishimwe kenshi. Ikiduteye ishema cyane ni igihembo cyitiriwe Hermann-Schmidt cy’ abarushije abandi guhimba udushya mu kwigisha imyuga.

Kubera amakuru yashimaga yakunze kutugeraho twiyemeje gukomeza gukorana no kwungurana ubumenyi no kwagura umushinga. Bizafata indi ntera muri 2020 igihe cy’ umushinga twise „Umunyabumenyiringiro ahuye n’ undi“. Urubyiruko rukora imyuga y’ubumenyiringiro rugizwe n’ abantu 220 bakomoka i Burayi bazajya mu Rwanda kugira ngo bungurane ubumenyi mu by’ ubumenyiringiro n’ urubyiruko rw’ Abanyarwanda rwiga imyuga bakazafatanyaga gukorana imishinga mu bumenyiringiro igamije gufasha abandi no kumenya igihugu n’ umuco by’ u Rwanda.

U Rwanda nk’ igihugu cyo muri Afurika yo hagati rwateye imbere rukaba rugamije kuva mu cyiciro gitanzwe n’ ubuhinzi kikagera ku gihugu cyubakiye k’ ubumenyi gifite ubukungu buteye imbere. Niyo mpamvu u Rwanda rushaka abafatanyabikorwa, mu bice by’ uburezi cyane cyane mu bijyanye no gutangiza no kwagura ibijyanye no kwigisha ubumenyiringiro.

Mu rwego rw’ uyu mushinga wacu twifuzaga gutera inkunga ibijyanye no kwungurana ubumenyi tugaha amahirwe urubyiruko rw’ i Rwanda n’ urw’ i Burayi guhura bakaganira imbonankubone ku bijyanye n’ umwuga, ubumenyiringiro n’ ubwitange mu gufasha ababikeneye, guhura bakamenyana bagafatanyaga bakubaka cyangwa gusana urwego ruganisha kugufasha abandi.

2. Ese uwo umushinga umariye iki?

Umushinga utanga amahirwe adasanzwe yo kwitanga mu gihe gito mu rwego rw’ umwuga cyangwa rwo gufasha ababikeneye mu mahanga no kumenya umuco ukungahaye nyafurika.

Igishyizwe imbere ni uguhura, kwungurana ubumenyi no gufatanyaga mu mishanga iciriritse mu rwego rwo gufasha ababikeneye.

Usura igihugu cyiza cyo muri Afurika, ugahura n’ abantu bashimishije, ukabona uko ukora ikintu cy’ ingirakamaro, ugasuzuma impano zawe zo kubana n’ abandi, ukagura uburyo ubanamo isi, ukanakusanya ubunararibonye mu bijyanye n’ umwuga wawe no ku bwawe bwite. Ugasohoka mu buzima bwawe bwa buri muni ugafasha abandi babikeneye guhindura ubuzima bwabo.

Umushinga uzagusigira ikintu cyiza kandi n’ ishusho nziza mu mw’ irondoro wawe. Gukora mu mahanga n’ inzosi kuri benshi.

U Rwanda rufite amateka ababaje. Jenocide yakorwe Abatutsi muri 1994 yasize ibikomere bikomeye. Abaturage b’ u Rwanda bareba imbere ariko ntibibagirwa amateka yabo. Birashimishije kubona ukuntu abanyarwanda bashishikariye ubumwe n’ ubwiyunge. Urebye n’ ibindi bihugu bikwiye kwigira k’ u Rwanda mu kubana n’ amateka akomeye byacyiyemo.



3. Ese mu Rwanda hari umutekano uhagije?

U Rwanda ni kimwe mu bihugu by' Afurika bisurwa cyane.

Hashize imyaka myinshi dutegura imishinga mu rwego rwo kwigisha hagati y' urubyiruko rw' ababumenyigiro b' Abadage nabab' Abanyarwanda. Igihe cyose twakiranywe urugwiro kandi bakoze igishoboka cyose kugira ngo uruzinduko rwacu rutugwe neza ku buryo bwose bushoboka. Ari amacumbi, ari inzira ducamo, ari aho dusura hose bahahitamo ku buryo umutekano wacu uba wizewe. Twashoboye gufata amashusho ya filime ku byo twabonye n' ibyo twabayemo mu Rwanda (Youtube „Geselle trifft Gazelle“). Ndagusabye ngo nawe wihere amaso. Uko umutekano uhagaze ubu wabisanga k' urubuga rwa Ministeri y' Ububanyi n' Amahanga ya Leta y' Ubudage.

4. Ese ni nde wemerewe kwitabira uru ruzinduko?

Buri wese wujuje ibisabwa ashobora kwiyandikisha:

- (1) Imyaka: 18 kugera kuri 35.
- (2) icyo wize n' umwuga: Uwiga ubumenyigiro mu mwaka wa gatatu cyangwa ukora ubumenyigiro*.
- (3) Aho utuye: Kuba utuye ku buryo buzwi mw' Ishyirahamwe ry' Ibihugu by' i Burayi
- (4) Ushobora kutwoherereza umwirondoro wawe mu kidage, icyongereza, igifaransa cyangwa igifurama.

* Imyuga y' ubumenyigiro:

- a) Gusakara
- b) Gukora amashanyarazi
- c) Kwubaka amacarraux/tiles
- d) Gutera irangi imodoka
- e) Gukora imodoka
- f) Gusiga irangi mu nzu
- g) Kwubaka
- h) Gutera igipande no kunoza inkuta z' imbere
- i) Gukora ibijyanye n' amazi
- j) Abakora ibyuma n abasudira
- k) Ababaji

5. Uwo mushinga uzatangira ryari n' uruzinduko ruzamagara igihe kingana iki?

Uwo mushinga uzatangira kuri 22 Gashyantare 2020. Tuzahurira ku kibuga cy' indege cy' i Bruseli cyangwa cya Amsterdam. Saa mbiri na makubyibiri za nimugoroba (20:20) nibwo indege ya Airbus 320 izahagurukana amatisinda 20 abaherekeza bese n' itsinda Orga yerekeza mu murwa mukuru w' u Rwanda i Kigali.

Urugendo rwo gutaha ruteganijwe kw' itariki ya 7 Werurwe 2020. Tuzamara amasaha 320, hafi iminsi 17 mu Rwanda dufatanije gikorana n' abanyeshuli mu b'ubumenyigiro mu mishinga idaharanira inyungu.

6. Ese amatsinda azakorwa gute?

Amatsinda azakorwa hakurikijwe imyuga. Nk' urugero nk' akabasakara amazu, abakora igipande no kunoza inkuta zo mu nzu, abubaka ama carreaux/tiles, abategura ubwiza bwo mu nzu, abasiga amarangi, abakora amashanyarazi, abakora amazi, ababaji, abafundi, n ibindi. Nyuma yo gusaza kwindiyakisha nibwo tuzakora ayo matsinda.

Buri tsinda rizaba rigizwe nabantu cumi n' umwe. Buri tsinda rizaherekezwa i Rwanda n umunyabumenyigiro ubifitemo uburambe nk' urukuriye. Amatsinda yose azahagarirwa n' inzobere cyangwa umuhuzabikorwa mu Rwanda.



7. Ese urwo ruzinduko narutegerezaho iki?

Kumenyana n’ abantu, kwungurana ubumenyi kubijyanye n’ ubumenyingiro, gukora ikintu kirambye, ubwitange mu gufasha abandi, guha agaciro abandi no kureba ahantu nyaburanga n’ ibyiza by’u Rwanda.

Uruzinduko rukubiyemo ibijyanye no kumenya umuco, ubumenyingiro n’ umwanya wo kwidagadura. Igihe kinini tuzakorana n’ abanyeshuli biga imyuga bavuye mu mashuri atandukanye y ubumenyingiro mu mishinga yo gufasha ababibikeneye. Buri muntu w’ urubwiruko uzitabira uru ruzinduko azahabwa umunyarwanda bazakorana. Ibyo tuzabikorera kugira ngo twizere ko bazakorana ku rwego rureshya.

Tuzasura abanyabumenyingiro n’ amazu arimo yubakwa, urwibutso rwa Jenocide yakorewe abatutsi n’ uruganda rukora ibinyobwa. Tuzasura amasoko ya kinyarwanda na pariki (nk urugero Pariki y’ Akagera cyangwa ishyamba rya Nyungwe). Ariko igihe cyo kwidumbaguzwa mu rwogero n’ icy’iyindi myidagaduro nacyo kirateganijwe.

Mbese gahunda ishimishije yateganijwe n’ abantu bazi u Rwanda aho ushobora kwitanga mu gufasha ababikeneye, gukoresha impano mu bumeningiro kandi ukanamenya umuco n’ ubwiza buhebuje bw’ i kindi gihugu. Na nyuma y’ uruzinduko ruzakomeza kukugirira akamaro. Uzaba wavanyeyo ubunararibonye uzaba wabonye impano zawe zo gufasha abandi bikakwongerera n’ ishusho nziza ku rutonde rw’ ibyo wakoze mu buzima bwawe.

8. Ese buri wese azatanga amafaranga angana iki?

Urugendo ruzatwara **amayero 2000,20** byose birimo. Harimo urugendo mu ndege, icumbi, ifunguro, ingendo mu Rwanda n’ ibindi byose bijyanye n’ iyi gahunda nko kwinjira ahantu hishyurwa. Tuzacumbika ma macumbi meza aciriritse. Mu ngendo zo mu Rwanda tuzakoresha za bisi nziza kandi nshya.

Birumvikana ko amafaranga y’ ibikenerwa bindi (urwibutso bwite, amakarita y’ iposta, ibikorwa bwite byihariye n’ ibindi), inkingo, ubwishingizi na Viza bitari muri ayo mafaranga.

9. Ese amafaranga y’ uruzinduko azava he?

Mu mwaka wa 2018 hagati nibwo hazafungurwa konti y’ ubwizigame kugira ngo buri wese uzitabira iyi gahunda azashobore kubika amafaranga buri kwezi. Ubundi buryo n’ inama tuzabishyira ku rubuga rwacu www.rwanda2020.org vuba aha.

10. Ese itsinda rya Orga rifite ubunararibonye? Ese iryo tsinda ryaba ryarigeze rigera mu Rwanda?

Yego. Kuva mu myaka itandatu ishize dutegura imishinga mu Rwanda yo kwungurana ubumenyi ku basiga amarangi. Umushinga “Umunyabumenyingiro ahuye n’ undi” utahiwe uzaba mu kwezi kwa gatatu 2018.

Dufite ubufatanyabikorwa bwiza mu Rwanda. Amashyirahamwe atandukanye ashigikira umushinga. Tuzi “ibizira” n’ “ibitazira”. Hamwe n’ abafatanyabikorwa bacu tubizeza umutuzo n’ umutekano igihe muzaba muri mu Rwanda.

Ubunararibonye twavanyeyo mu nzinduko zashize nibwo dukoresha dutegura inzinduko zikurikiraho. Abashoboye gusura u Rwanda “basizeyo umutima” wabo bavanyeyo ibibibutsa bitibagirana byinshi haba mu birebana n’ umwuga cyane ubuzima bwabo bwite.



11. Ninde uri inyuma yacu cyangwa Ishyirahamwe “EURwanda Handcraft Foundation”

Umushinga “Umunyabumenyingiro ahuye n’undi” wavutse ku bw’ ubufatanye hagati y’ ishyirahamwe ry’ imyuga Rhenanie- Palatinat (LIV RLP), ishyirahamwe ry’ abafatanyabikorwa na ambasade y’ u Rwanda mu Budage. Ushyirwa mu bikorwa ku buryo bushimishije kuva muri 2012.

Gahunda “Umunyabumenyingiro ahuye n’undi” yatangiye mu myaka itandatu ishize wageze ku ku ntsinzi ishimishije kubo bireba bose haba mu Budage cyangwa mu Rwanda. Kugeza ubu hamaze gutegurwa umushinga w’ urubyiruko rw’ abasiga amarangi. Igihe cyo gushyirwa mu bikorwa umushinga GtG nibwo havutse igitekerezo cyo guhuza ayandi mashyirahamwe y’ imyuga no kwungurana no kwagura ubundi bumeningiro. Ishyirahamwe Rikuru ry’ Ubumeningiro mu Budage niryo riyoboye “Rwanda2020. Dusangiye ubumeningiro” ndetse n’ubuterakunga bw’ icyubahiro.

Twebwe, ishyirahamwe EURwanda Handcraft Foundation e.V. turi itsinda ridaharanira inyungu rigizwe n’ abagabo n’ abagore bakomoka mu mu bigo bitandukanye, ubumeningiro, amashyirahamwe atandukanye, ibigo bifasha abantu, ibigo nterakunga n’ ibindi, bumvise ko bafite inshingano yo kugira icyo bakora mu rwego rwo gufasha kwubaka isi nziza kandi irambye.

Ishyirahamwe ritagamije inyungu ryitangira cyane cyane guteza imbere umurimo mu bumeningiro mu Rwanda no mu Budage. Ubwo buhanahane bw’ umuco hagati y’ urubyiruko rw’ Abanyaburayi n’ Abanyarwanda buhabwa agaciro bukwiriye.

12. Ni bande bafatanyabikorwa bemewe b’ umushinga?

Urugaga Rukuru rw’ Abanyabumenyingiro mu Budage (ZHD) n’ andi mashyirahamwe y’ abanyabumenyingiro nibwo bashinzwe gutegura umushinga. Umuyobozi mukuru wa ZHD, Hans Wollseifer, niwe mukuru w’ icyubahiro w’ umushinga. Na Worldskills International n’ ibindi bigo nyaburayi by’ abanyabumenyingiro bitera inkunga umushinga.’

Mu Rwanda dukorana ku buryo bwa hafi na Workforce Development Authority (WDA) tugakorana na za ministeri zitandukanye n’ ibigo by’ amashuri y’ imyuga ndetse na za kaminuza zigisha ubumeningiro.

Abakangurambaga ba EURwanda Handcraft Foundation e.V. - Ishyirahamwe ritagamije inyungu ry’ umushinga Rwanda2020 -, bategura bakanaherekeza umushinga. Ubuyobozi bw’ ishyirahamwe bw’ abanyabumenyingiro bo muri Rhénanie- Palatinat (LIV RLP) n’ ubuyobozi bw’ ishyirahamwe ry’ abafatanyabikorwa Rhenanie- Paltina-Rwanda i Kigali nabo batara inkunga umushinga wacu wo kwungurana ubumeningiro no kwigisha “Rwanda2020”.

Tuvugana kenshi n’ amashyirahamwe n’ ibigo bireba mu Burayi no mu Rwanda kugira ngo twizere ko bose bagendana mu kumenya uko umushinga uhagaze.

Tuzakomeza gushakisha abafatanyabikorwa bashya bo muri politiki, m’ uburezi, mu nganda

No mu bumeningiro kugira ngo badutere inkunga.

13. Ese ni zihe nyungu zirambye ishyirahamwe ritagereje k’ umushinga

Nyuma y’ imyaka itandatu y’ ubufatanye bushimishije hagati y’ urubyiruko rw’ Abadage basiga amarangi n’ Abanyarwanda biga imyuga igihe kirageze cyo gukorana n’ abandi byiciro by’ ubumeningiro.

Twizera ko “Rwanda2020” amashyirahamwe menshi y’ abanyabumenyingiro bazemera kwifatanya ku buryo burambye mu bikorwa byo gufasha ababikeneye no kwigisha urubyiruko rw’ abanyabumenyingiro bakanyemeza gufatanya birambye n’ u Rwanda.

Nk’ urugero, kwungurana ubumeningiro birambye byaba nko gutegura “Junior House of Handcraft” i Kigali.

Twemera ko kwitanga mu rwego rwo gufasha abatashoboye bizatanga ishusho nziza ku murimo w’ ubumeningiro bikanatera umwete urubyiruko gufata icyemezo cyo kwiga imyuga.



14. Ese ngomba kumenya icyongereza cyangwa igifaransa kugira ngo nitabire uyu mushinga?

Oya. Byaba byiza ushoboye kumenya icyongereza cyangwa igifaransa ariko si cyo cya ngombwa. Hazaba hari abasemuzi bahagije.

Duhereye ku bunararibonye bwacu ibiganiro bya buri muni birasobanuka iyo umuntu akoresheje “ibiganza n’ ibirenge”, iyo bibaye ngombwa. Igikunze gutungurana ndetse kigatuma n’ abadakunze guseka baseka ni uko muri Afurika umuntu agomba kwirwanaho.

15. Ni gute nshobora kwiyandikisha muri uri urwo ruzinduko?

Ushobora kwiyandikisha ukoresheje E-Mail cyangwa ukoresheje urubuga rwacu. Aho niho wakwuzura imyirondoro ugashyiraho n’ ifoto. Ubishoboye wasubiza ibibazo bimwe ku bikureba. Birumvikana ko amakuru yawe agirwa ibanga kandi nta wundi tuyaha.

Icyo twifuza kumenya ni ukumenya impamvu wiyandikishije muri uyu mushinga. Niba umaze kugira ubunararibonye mu bijyanye no gufasha ababikeneye ntwibagirwe kugira icyo ubitubwiraho. Dukeneye no kumenya niba hari icyo ukunda gukora mu gihe cya nyuma y’ akazi, niba hari icyuma cy’ umuziki uzi kuvuza, niba hari abantu ufata nk’ icyitegererezo, n’ ibindi. Ayo makuru uyatanga k’ ubushake. Ni wowe uhitamo icyo ushaka kutwibwiraho.

Icya ngombwa nuko uba witeguye guhangana n’ ingorane no gukorana n’ abandi bantu bakomoka ahantu hatandukanye ku rwego rureshya. Amatsinda yacu mpuzamahanga agizwe n’ Abanyaburayi n abanyeshuli b’ Abanyarwanda. Buri muntu uzakora uru ruzinduko ahabwa umunyarwanda bakorana. Nuko dushaka kugera k’ ubufatanye ku rwego rureshya.

Igihe kwiyandikisha bizarangirira.

Kwiyandikisha biteganijwe ko bizarangira mu mpera z’ ukwezi kwa kirindwi 2019. Nagusaba gukurikirana amakuru ku rubuga rwacu. Niho tuzamenyeshereza abantu igihe kwiyandikisha bizarangirira.

Kwiyandikisha nk’ itsinda

Uramutse ushaka kuba mw’ itsinda, ganira n’ inshuti zawe, abo mwigana se, noneho mwiandikishe nk’ itsinda.

Imyirondoro yanyu mushobora kuyohereza kuri Email cyangwa mukashyira ahabigenenwe ho ku rubuga rwacu. Gusa ntimuzibagirwe ko imyirondoro igomba kuba iri mu kidage, icyongereza, igifaransa cyangwa se igifurama . Twishimiye kubona wiyandikishije. Cyane cyane

Urubwirako rukora iby’ ubumenyiringiro cyangwa rubwiga.

Icyitonderwa: Mbere yuko utangira, reba neza niba wujuje ibisabwa (imyaka, kuba wujuje ibijyanye n’ ubumenyiringiro, aho utuye n’ ibindi). (Reba kuri nomero ya 4.)

16. Ese nshobora kwitegura gute urwo ruzinduko n’ umushinga?

Inama z’ imyiteguro

Iyo igihe cyo kwiyandikisha kimaze gusozwa tukugezaho andi makuru arebana n’ urugendo n’ imyiteguro y’ urugendo. Tubohereza kandi na gahunda y inama zitegura uruzinduko.

Izo nama zizaba muri 2018 na 2019. Dutanga amakuru k’ umushinga no k’ uruzinduko. Uhamenyera nk’ uzayobora itsinda ryawe muzakorana ukamenya n’ abandi cumi n’ umwe muzakorana n’ umushinga uzakoramo. Tuganira ku kuntu umutekano uhagaze tugatanga inama uko ugomba kwitwara bikwiye n’ ibishobora kuba mu mushinga. Hiyongeraho kandi ko twateguye n’ amabwiriza ngenderwaho mu myitwarire.

Ufite uburyo bwo kubaza ibibazo byose bikuri ku mutima noneho ukamenya na bagenzi bawe muzajyana mu



ruzinduko. Mu nama y’ imyiteguro y’ inzinduko zahise twashoboye gukurikira ukuntu gahunda zadufashaga gushyirahamwe ibibazo tukavanaho icyatere impungenge cyose. Ibyishimo byuko tugiye kuja mu ruzinduko byarazamukaga. Nawe tangira wishimire urwo ruzinduko.

Pasiporo

Reba hakiri kare (bitarenze Ukuboza 2019) igihe pasiporo yawe izarangirira. Pasiporo igomba nibura kuba ishigaye igihe kirenze amezi atandatu ku muni wo gufata indege, mbese igomba kuba izageza mu kwa cyenda 2020.

Inkingo

Kugira ngo winjire mu Rwanda ni ngombwa ko uba warikingiye urukingo rwitwa “umuriro w’ umuhondo” Fièvre jaune/Yellow fever). Uretse nibyo twabagira inama yo kwiteza urukingo rurinda marariya. Tuzabigarukaho mu nama ategura uruzinduko.

17. Ese nkeneye viza yo kwinjira mu Rwanda?

Abakomoka mu Burayi bese bakenera viza yo kwinjira mu Rwanda. Ku birebana no guhabwa viza hari uburyo butandukanye. Abadage bahabwa viza bahageze, ni ukuvuga ku kibuga cy’ indege cya Kigali. Abaholandi n’ Ababiligi bagomba kuyisaba mbere yuko bafata indege. Aho umuntu abonera viza na ryari nabyo biri mu byo tunganiraho mu nama yo gutegura uruzinduko. Cyangwa se wareba muri Google ugashakishamo ibirebana nuko umuntu abona viza y’ u Rwanda. Viza igurwa hagati y’ Amayero 35 na 50.

18. Ese nkeneye ubwishingizi bw’ urugendo?

Ikiri itegeko ni ubwishingizi bw’ uburwayi ku muntu ugiye mu mahanga ushobora gufata ubwishingizi ku mayero make ku mwaka mu bigo bitandukanye by’ ubwishingizi.

19. Ese ngomba gufata ikonji kugira ngo nitabire uwo mushinga?

Duhereye ku byo twabonye tuzi ko ibigo byinshi bitanga ikonji yo kujya mu mahugurwa. Ibindi bigo bisaba ko mwagabana umushahara (50/50). Nagusaba kubiganiraho n’ ugukuriye haba mu kazi cyangwa mw’ ishuli hakiri kare.

20. Nihe nakura andi makuru ku mushinga, ku Rwanda no ku ruzinduko?

Ku rubuga rwacu www.Rwanda2020.org uhasanga byose birebana n’ umushinga “Rwanda2020”

Kubirebana n’ amakuru k’ umushinga no k’ u Rwanda tuzajya tuyabaha kuri Email naho kuva muri 2019 tuzajya twankika akanyamakuru kagufi. Ako kanyamakuru [www.rwanda2020.org /newsletter](http://www.rwanda2020.org/newsletter) ushobora kwiyindikisha kakajya kakugeraho cyangwa se kuri Facebook Rwanda2020.

Hari imbuga nyinshi ku Rwanda. Zimwe ni izi:

- Muri Wikipedia <https://de.wikipedia.org/wiki/Ruanda>,
- Kurubuga rw’ ubutwererane hagati ya Rhenanie-Palatinat n’ u Rwanda <http://rwa.rlp-ruanda.de/de/laenderinfos/ruanda/uebersicht>
- Ku mbuga za minsteri ishinze ububanyi n’ amahanga cy’ Ubudage http://auswaertiges-amt.de/DE/Aussenpolitik/Laender/Laenderinfos/01-Nodes_Uebersichtsseiten/Ruanda_node.
- Andi makuru meza ku Rwanda n’ ibyo umushinga wakoze : wayirebera kuri video ya nyuma ya “Umunyabumenyiringiro ahuye n’undi” mu Rwanda kuri Youtube kuri “Geselle trifft Gazelle”.



21. Ni nde nakwegera igihe mfite ikibazo?

Twoherereze email kuri info@rwanda2020.org . Turagusubiza ku buryo bwihuse bushoboka, ubusanzwe bitarenze iminsi itatu y' akazi.

Uracyashidikanya? Dushake tukugire inama. Uyu mushinga ni amahirwe adasanzwe y' imbonekarimwe y' uruzinduko rwo kwungurana ubumenyi no kwigisha.

Niba umushinga wacu ugushimishije, nawe bibwire, ubishishikarize abandi.

22. Ni nde ushobora gutera umushinga inkunga? Ni gute umushinga ushobora guterwa inkunga?

Buri wese ashobora gutera inkunga umushinga „Rwanda2020“. Uburyo wabikoramo ni wowe ubwihitiramo. Turakwishimiye!

Nk' urugero ushobora kudufasha ukorera mu mushinga, cyangwa ubishishikariza abandi, cyangwa uduha ikintu cyangwa amafaranga. Cyangwa ukazaduherekeza nawe ubwawe ukazagira icyo ukora mu mushinga 20 idaharanira inyungu izafasha guteza imbere uburezi bw' ubumenyingiro mu Rwanda.

Birashoboka ko waba uri umubyeyi w' umwana ukaba uzi n' ubumenyingiro ukaba wifuza kudukuherekeza mu Rwanda. Turacyashakisha abanyabunyingiro babifitemo uburambe nk' abazayobozi b' amaitsinda.

Cyane cyane ariko twishimiye ubufatanye n'urubyiruko rwiga ubumenyingiro.

Tubasabye kutugana ku rubuga info@rwanda2020.org

Come with us to Africa!

